PROFESSIONAL BAILIFFS ASSOCIATION
URUGAGA RW'ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA

CORPS DES HUISSIERS DE JUSTICE PROFESSIONNELS
P.O. BOX 3975 KICUKIRO,
KIGALI - RWANDA

Kigali, 13/12/2023
N°.998../PBA/I.T...../2023

**Madamu/Bwana Umuhesha w'Inkiko w'Umwuga (Bose)**
**KIGALI**

**Impamvu: Kubasaba kujya musaba amakuru**

Madamu/Bwana,

Mpereye kw'ibaruwa N°1928/08.25/MN/AJD yo kuwa 06/12/2023 nandikiwe na Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta ansaba kumenyesha Abahesha b'Inkiko b'Umwuga bose ko mbere yo gutangira imihango ya cyamunara harangizwa urubanza rwaciwe n'Urukiko Gacaca, bagomba kubanza gusaba amakuru Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, bifashishije ifishi yabugenewe;

Nejejwe no kubamenyesha ko mbere yo gutangira imihango yo kurangiza imanza zaciwe n'Inkiko Gacaca mugomba kubanza gusaba amakuru ajyanye n'izo manza muri Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, mwifashishije ifishi tubahaye ku mugereka w'iyi baruwa.

Dosiye isaba kwandikwaho umutungo waguzwe mu cyamunara, igomba kujya ijyana n'inyandikompesha irangizwa hamwe n'inyandiko ikubiyemo amakuru yatanzwe na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu.

Ugire amahoro.

**Me NIYONKURU Jean Aimé**

Perezida w'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga

CORPS DES HUISSIERS DE JUSTICE PROFESSIONNELS * KIGALI - RWANDA *

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta
- Bwana Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu
- Bwana Umunyamabanga Mukuru w'Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Ubugenzacyaha (RIB)

- Madamu Umubitsi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka
  **Kigali**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Kigali, ku wa 06-12-2023
N°1928/08.25/MN/AJD

FOR RECEPTION BY PBA
Date 07/12/2023
Signature
Name

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

Bwana Perezida w'Urugaga rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga
**KIGALI**

**Impamvu: Gusaba abahesha b'inkiko kujya basaba amakuru**

Bwana,

Mpereye ku bibazo bimaze iminsi bigaragaza ko bamwe mu baturage bakekwaho guhimba imanza bavuga ko zaciwe n'Inkiko Gacaca bagamije kuzirangiriza ku mitungo yasizwe na be yo, ku mpamvu iyo ari yo yose ndetse izo manza zashyikirizwa bamwe mu bahesha b'inkiko bagatangira imihango yo kuzirangiza batabanje gusesengura amakuru azikubiyemo;

Nshingiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe N° 021/03 ryo ku wa 21/10/2021 rigena Intego, Inshingano, n'Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo bya Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3 (10°) iteganya ko iyo Minisiteri ifite mu nshingano *gukusanya no kubika ibimenyetso bya Jenoside yakorewe Abatutsi harimo inyandiko **z'Inkiko Gacaca**, inyandiko z'amateka y'u Rwanda, ubuhamya n'ibindi bimenyetso by'amateka;*

Mu rwego rwo gukumira uwarangirisha urubanza ruhimbye, ndagusaba kumenyesha abahesha b'inkiko b'umwuga bose ko mbere yo gutangira imihango ya cyamunara harangizwa urubanza rwaciwe n'Urukiko Gacaca, bagomba kubanza gusaba amakuru Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, bifashishije ifishi iri ku mugereka.

Inyandiko ikubiyemo amakuru yatanzwe n'iyo Ministeri, igomba kujya ijyana n'inyandikompesha irangizwa ndetse na dosiye isaba kwandikwaho umutungo waguzwe mu cyamunara.

Ugire amahoro

Digitally signed by
MINIJUST(MINISTER)

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**
**Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta**

**Bimenyeshejwe**

- Bwana Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu

- Bwana Umunyamabanga Mukuru w'Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Ubugenzacyaha (RIB)
- Madamu Umubitsi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka

**KIGALI**

**IFIHE YO GUSABIRAHO AMAKURU MURI MINUBUMWE MBERE YO KURANGIZA IMANZA ZA GACACA**

| N° Y'URUBANZA | IZINA RY'INTEKO YA GACACA | AMAZINA Y'ABANGIRIJWE | AMAZINA Y' UWAHAMWE N'ICYAH | AMAFARANGA UWANGIJWE YATEGETSWE KWISHYURA | ITARIKI URUBANZA RWACIRIWE |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |
| | | | | | |